Uzavuga ati: BIS’MILLAHI LADHI LA YADWURU MA’AS’MIHI SHAY-UN FIL AR’DWI WA LA FI SAMA-I, WA HUWA SAMI’UL ALIMU: Niyambaje izina rya Allah ryo igihe urivuze uryemera nta cyagira icyo kimutwara haba mu isi no mu kirere, kandi Yumva Bihebuje Umumenyi Uhebuje. Ukabivuga inshuro eshatu, nta byago bimutunguye byamubaho kugeza bucyeye

Hadith yaturutse kwa Aban Ibun Uth'man (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Uzavuga ati: BIS’MILLAHI LADHI LA YADWURU MA’AS’MIHI SHAY-UN FIL AR’DWI WA LA FI SAMA-I, WA HUWA SAMI’UL ALIMU: Niyambaje izina rya Allah ryo igihe urivuze uryemera nta cyagira icyo kimutwara haba mu isi no mu kirere, kandi Yumva Bihebuje Umumenyi Uhebuje. Ukabivuga inshuro eshatu, nta byago bimutunguye byamubaho kugeza bucyeye. N'uzavuga aya magambo bucyeye inshuro eshatu, nta byago bimutunguye byamubaho kugeza bugorobye." Yaravuze ati: Nuko Aban Ibun Uth'man agerwaho n'ububabare, maze wa mugabo wamwumviseho Hadith atangira kumureba maze aramubaza ati: Bite byawe ko uri kunyitegereza? Ndahiye ku izina rya Allah ko ntigeze mbeshya Uth'man, nta n'ubwo Uth'man yabeshye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ahubwo umunsi nafashwe n'ubu burwayi nararakaye nibagirwa kuvuga ya magambo.
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Abu Dawud na Tirmidhiy na A-Nasa'iy mu gitabo cye Sunanul Kubra, na Ibun Madjah na Ahmad]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko umuntu uvuze inshuro eshatu aya magambo buri munsi buri uko bucyeye nyuma y'uko umuseke utambitse, na buri nimugoroba mbere y'uko izuba rirenga: Ku izina rya Allah nsabye inkunga kandi nsabye uburinzi bw'icyo ari cyo cyose cyangirira nabi, ariko kitagira icyo gitwara umuntu wavuze izina rya Allah, uko cyaba kingana kose hano ku isi n'ibiyirimo, ndetse no mu kirere n'ibigwa bigiturutsemo mu byago n'ibigeragezo, kandi niwe Uwumva bihebuje ibyo tuvuga, Umumenyi uhebuje w'uko tumerewe. Uzavuga aya magambo bugorobye, nta byago bizamubaho bimutunguye kugeza mu gitondo, n'uzayavuga bucyeye nta byago bizamubaho bimutunguye kugeza bugorobye. Uwakiriye iyi Hadith ari we Aban Ibun Uthman yagezweho n'uburibwe ku mubiri we, maze atangira kumureba atangara! Nuko abaza wa mugabo ati: Ni ukubera iki uri kunyitegereza? Ndahiye ku izina rya Allah ko ntigeze mbeshyera Uthman, nta n'ubwo Uth'man yabeshyeye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ahubwo uyu munsi nababaye cyane, Allah ntiyanshoboje kubivuga, narakaye maze nibagirwa kuvuga aya

magambo.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/6093